

Iyi nama itari itegeko igamije guha abakora mu burezi bwihariye n'ababyeyi igitabo cy'ubuyobozi ku bijyanye n'uburyo bwa Child Find. Intego y'iyi nama ni ugufasha abakora mu by'uburezi bwihariye n'ababyeyi gusobanukirwa neza inzira yo gushaka, kumenya no gusuzuma abana babana n'ubumuga bashobora kuba bakeneye uburezi bwihariye n'izindi serivisi zijyanye na bwo.

Child Find ni iki?

Nk'uko biteganywa na KAR [707 KAR 1:300](#), no mu Itegeko ry'Amategeko y'Igihugu, [34 CFR 300.111](#), Child Find ni inzira inzego z'uburezi z'ibanze (local education agencies (LEAs)) zigomba gushakisha, kumenya no gusuzuma abana bose babana n'ubumuga kuva bavutse kugeza ku myaka 21 bashobora gukeneye serivisi z'uburezi bwihariye n'izindi serivisi zijyanye nabwo. Ubu buryo bushyiramo abana bafite:

- Imyaka 3-21;
- Uwuri mu ishuri cyangwa utakiri mu ishuri;
- Uwuba mu mwaka umwe ajya mu wundi;
- Uwuba mu rugo, mu nyubako cyangwa uba mu duce tw'imipaka igenzurwa n'inzego zishinzwe uburezi mu gace (LEA);
- Abashyizwe n'ababyeyi mu kigo cy'igenga, abigira mu rugo cyangwa abiga bakoresheje iyakure n'ikoranabuhanga;
- Abana barerwa mu yindi miryango cyangwa ibigo bya leta;
- Abakunze kwimuka cyane, abimukira cyangwa abana batagira aho baba; ndetse
- N'abafungiwe mu kigo cy'igorora cy'ingimbi, muri gereza y'aho atuye, cyangwa y'intara.

Iby'ingenzi k'ubumenyi bwa Child Find

- ikigo cya LEA byanzurwa ko kizi neza niba umwana ari umwana ubana n'ubumuga niba:
 - Umubyeyi w'umwana yagaragaje mu nyandiko impungenge z'uko umwana akeneye uburezi bwihariye n'izindi serivisi zijyanye na bwo ku bakozi bashinzwe LEA cyangwa umuwarimu w'umwana ukeneye uburezi bwihariye n'izindi serivisi zijyanye nabwo;
 - Isuzuma ryasabwe n'umubyeyi; cyangwa
 - Umwarimu w'umwana, cyangwa abandi bakozi b'ikigo cya LEA, bagaragaje impungenge zabo ku Umuyobozi w'Uburezi Bwihariye (Director of Special Education (DoSE)) cyangwa undi Muyobozi ku bijyanye n'imikorere cyangwa imyitwarire. [[707 KAR 1:340](#), Igice cya 17(1)]

- LEA igombwa gufatwa nk'itazi ko umwana ari umwana ubana n'ubumuga iyo, nyuma yo guhabwa amakuru ko umwana ashobora kuba afite ubumuga:
 - Isuzuma ryakozwe na (LEA) kandi ryemeje ko umwana adafite ubumuga;
 - LEA yemeje ko isuzuma ryari ngombwa kandi ababyeyi bahawe umuburo w'ibyo bagendeyeho; cyangwa
 - Ababyeyi banze gutanga uruhushya rwabo rwo gukora isuzuma cyangwa banze itangizwa ry'ibanze rya serivisi kuri uwo mwana. [[707 KAR 1:340, Igice cya 17\(2\)](#)]

Ni inde ushinzwe Child Find?

- "Akarere k'amashuri k'Umwana k'aho atuye gashinzwe Child Find ([707 KAR 1:300, Igice cya 1](#)). Iyo umunyeshuri yiyandikishije nk'umunyeshuri utari umuturage mu karere runaka, ako karere kamwakira kaba akarere umunyeshuri atuyemo mu gihe cyo kwiandikisha nk'uko biteganywa na gahunda y'akarere k'aho atuye kandi akaba ari ko gafite inshingano za Child Find. Niba umunyeshuri arangije igihe cyo kwiandikisha kandi akaba atongeye kwiandikisha nk'umunyeshuri udatuye aho, inshingano za Child Find zisubira mu karere umwana atuyemo [[Ingamba zo Kwandikisha Umunyeshuri Udatuye mu Karere ndetse n'abanyeshuri babana n'Ubumuga](#)]."
- LEA y'aho ikigo cy'ishuri cyigenga gihereye isabwa kumenya umubare w'abana bafite ubumuga biga mu mashuri yigenga muri LEA binyuze mu gukora isuzuma ryimbitse kandi ryuzuye rya Child Find aho ababyeyi bashyize umwana mu ishuri ryigenga. [[ibisubizo by'ibibazo bikunze kubazwa - Ibibazo Rusange bijyanze n'Amashuri atari aya Leta \(Ibiro by'Uburezi butari ubwa Leta muri Kanama 2019\)](#)]

Ni izihe nshingano za LEA kuri Child Find?

- Gushyira mu bikorwa kandi neza inzibacyuho yo kuva mu bufasha buhabwa abana bato no kugera mu mashuri y'inshuke [707 KAR 1:300, Igice cya 1\(2\)](#);
- Kwitabira inama y'inzibacyuho y'abana bafite ubumuga bari mu kigero cy'imyaka yo kutajya ku ishuri bahabwa ubufasha buhabwa abana bato [\[707 KAR 1:300, Igice cya 1\(3\)\]](#);
- Gushyiraho serivisi z'ubufasha buhabwa abana bato kuva mu mashuri y'incuke kugeza mu mwaka wa 12, cyane ku bari mu mashuri y'incuke kugeza mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza bashobora gukenere inkunga y'inyongera mu masomo no mu myitwarire [\[707 KAR 1:300, Igice cya 2\]](#);

- Gushyiraho sisitemu isobanura uburyo bwo koherezwa buzemerwa buzakirwa kuva mu karere cyangwa ibitavuye mu karere ndetse n'uburyo bizakorwaho mu gihe gikwiriye [707 KAR 1:300, Igice cya 3(1)];
- Kwemeza ko umwana ahabwa serivisi bikwiye, inyigisho zifitanye isano kandi bijyanye n'ikibazo [707 KAR 1:300, igice cya 3(3)(a)];
- Kwemeza ko inyandiko zishingirwaho mu makuru zikusanywa, zigasuzumwa kandi bigakorwa mu buryo buhoraho mu gihe gikwiriye [707 KAR 1:300, igice cya 3(3)(b)];
- Guha umubyeyi/umurezi kopi y'umuburo w'ibigenderaho mu mumategeko harimo n'uburenganzira bw'ababyeyi, nyuma yo koherezwa bwa mbere cyangwa gusaba gusuzumwa [707 KAR 1:340, igice cya 5(1)];
- Kubona uruhushya rw'ababyeyi, mu nyandiko, mbere y'isuzuma ry'ibanze rikorwa na mbere y'inyigisho zihariye zateguwe na serivisi zijyanye na byo zitangwa muri [707 KAR 1:340, igice cya 6(1)] [707 KAR 1:002, igice cya 1(15)(b)];
- Menya neza ko isuzuma ryuzuye kandi ry'umuntu ku giti cye rikozwe kuri buri mwana ryakozwe hagendewe ku mabwiriza yihariye yeteguwe ndetse na serivisi zijyanywe nabwo [707 KAR 1:300 Igice cya 4(1)]; ndetse
- Koresha ibyavuye mu isuzuma mu gihe cy'inama za ARC kugirango umenye ibyo umwana akeneye ndetse ukore Gahunda Y'uburezi Bwihariye (Individual Education Program (IEP)), niba ari ngombwa [707 KAR 1:300, igice cya 4(1)].

Ingingo z'Ingenzi zo Kwibuka

Ingingo z'ingenzi ugomba kwibuka ziboneka mu [nama ya Kentucky y'iburyo bwo Gutanga Ikirego mu bijyanye n'uburezi bwihariye](#).

- Buri wese, harimo abarimu, ababyeyi n'abandi, bashobora gutuma habaho koherezwa k'umwana igihe cyose akeka ko umwana afite ubumuga.
- Koherezwa ahandi bitangira inzira yo kugena niba umwana abana n'ubumuga kandi akeneye serivisi z'uburezi bwihariye.
- Koherezwa ahandi cyangwa gusaba gusuzumwa bishobora gukorwa imbonankubone, kuri terefone cyangwa mu nyandiko, ariko inyandiko yanditse niyo nziza.
- Gutuma habaho koherezwa ahandi, hatitawe ku nkomo yako, ntibyemeza ko umwana azasuzumwa, ariko bisaba ko ARC iganira ku mpungenge kandi igashyiraho ingamba zikurikira.

Aho bakura amakuru agenderwaho muri gahunda ya Child Find

- [Ibimenyetso bigaragara kare n'uburyo bwo gukurikirana no kumenya Gukoresha ibikoresha neza:](#) bitanga inama ndetse n'uburyo bwo kugenzura ndetse no kumenya abanyeshuri bafite ibyago byo kugira ubumuga kandi bishobora gukoreshwa mu byiciro byose kugira ngo hatangwe ibimenyetso by'umunyeshuri ufite ibibazo.
- [Iseengurwa ridasubirwaho ry'amakuru ya sisitemu y'ikigo cya Infinite:](#) Itanga imbonerahamwe y'amakuru ifasha mu gukora isesengura ry'amakuru y'abanyeshuri muri sisitemu y'umunyeshuri muri Kentucky, mu kigo cya Infinite.
- [Indangamanota y'ikigo cy'ishuri:](#) Itanga amakuru kuri buri kigo cy'ishuri ndetse n'akarere, harimo ibivugwa ku biranga, imitsindire y'umunyeshuri, amahirwe y'imyigire, inzubacyuho yo kujya mu buzima bw'abakuze, kwiyezeza kw'ishuri, umutekano w'ikigo ndetse n'umucyo mu gukoresha amafaranga.
- [Urubuga rwo kuringaniza:](#) rutanga amakuru ku gice cyo hasi- cyangwa hejuri- kigaragaza amakuru y'amatsinda mu bice bitandukanye. Rutanga "ishusho ngari" ifasha amashuri n'uturere kumenya ibice bikeneye kwitabwaho kurushaho.
- [Ishusho y'impinduka muri Kentucky:](#) itanga ibisubizo bivuye mu byiza byavuye mu mimerere y'imikorere muri Kentucky.
- [Serivisi Zigira Umumaro Zitanga ndetse na Serivisi Zitangiwe hamwe zikubiwe hamwe zihabwa Abana bato \(Significant Disproportionality and Comprehensive Coordinated Early Intervening Services \(CCEIS\)/Serivisi Zitangiwe hamwe zikubiwe hamwe zihabwa Abana bato \(Coordinated Early Intervening Services \(CEIS\):](#) zitanga amakuru mu kugenzura amakuru y'ubwoko ndetse n'imiryango mu bice 14.

Inyandiko Nkomoko

- [Isuzuma no kuzuza ibisabwa:](#) bitanga amakuru ndetse n'inyandiko mu gukora isuzuma no kwemererwa.
- [Inama ya Kentuck yo gutanga ikirego kijyanye n'Uburezi bwihariye](#) Itanga amakuru k'ubisabwa ndetse n'intambwe mu buryo bw'uburezi bwihariye.
- [Inama ku Mabwiriza y'Umunyeshuri Wiyandikisha Udatuye mu Karere- HB 563](#) Itanga amakuru agezweho yo gushyigikira ibigo by'amashuri ndetse n'uturere mu gihe bashyira mu bikorwa ibyatanzwe na HB 563, Igice cya 1-4.
- [Ingamba z'Umunyeshuri Wiyandikisha Udatuye mu Karere ndetse n'abanyeshuri babana n'Ubumuga - HB 563:](#) Itanga amakuru muri Child Find ku badatuye mu ifasi.
- [Ibibazo n'ibisubizo Byerekeranye n'Abanyeshuri babana n'Ubumuga mu Kigo Ngororamuco cy'abantu Bakuru:](#) Gitanga amakuru ajyanye n'ibisabwa bya Child Find ku banyeshuri bafunzwe.

- [Igishushanyo Mbonera cyo Kugaruka mu Ishuri- ChildFind Mu gice cyayo B ku Babana n'Ubumuga mu Itegeko ry'Uburezi \(Kanama. 24, 2021\)](#):Itanga amakuru ajyanye n'ibisabwa kuri IDEA mu bisabwa bya Child Find bikaba ari ubuntu, FAPE, ikubiyemo aho umwana aherereye ndese n'isuzuma ku bana bose babana n'ubumuga muri leta.
- [Urwandiko rw'Ishami Rishinzwe Uburezi kuri Serivisi za IDEA muri Head Start \(gutangira umwaka wo gufashwa\) \(Oct. 5, 2022\) - Itegeko rigenga uburezi bw'abantu babana n'ubumuga\)](#): Rutanga amakuru ku nshingano za SEA, LEA na gahunda zo gutangira umwaka wo gufashwa mu gushyira mu bikorwa IDEA kugira ngo abana babana n'ubumuga biyandikishije muri gahunda zo gutangira gufashwa babone FAPE mu buryo buboroheye butarimo imbogamizi.
- [Igishushanyo Mbonera cyo Kugaruka mu Ishuri- Child Find](#):Gitanga amakuru ku kamaro gakwiriye ko gushyira mu bikorwa ibisabwa na IDEA mu gushakisha umwana, bisaba kumenya, kumenya aho ari, ndetse n'isuzuma ku bana bose babana n'ubumuga muri leta.
- [Ibibazo Bikunzwe Kubazwa – Ibibazo rusange Bijyanye no ku bigo Bitari ibya Leta \(Ibikoresho byashyirwa mu Uburezi bitari ibya Leta muri Kanama 2019\)](#):Biha ibigo by'amashuri bitari ibya leta ibibazo bikunzwe kubazwa ku nyungu zo kwiga z'igihugu ndetse na serivisi ziboneka ku abanyeshuri biga mu bigo byigenga, abarimu ndetse n'imiryango.